REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYANZA

ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyanza buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga akazi Ku mwanya w'Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere n'aba DASSO bato

Ibyo umukandida agomba kuba yujuje :

- **Kuba ari umunyarwanda**
- **Kuba abishaka**
- **Kuba agejeje nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35)**
- **Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire**
- **Kaba atarigeze akatirwa igifungo ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu(6)**
- **Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye , icyakora uwarangije amashuri atatu y'isumbuye kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano ashobora kwinjizwa muri DASSO**
- **Kuba afite amagara mazima n'intege zibasha imirimo ya DASSO ibi bikagaragazwa n'inyandiko ya muganga wemewe na Leta.**

Ibyihariye byinyongera ku mwanya w'Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere

- **Impamyabumenyi ya kaminuza cyangwa iri mu rwego rumwe nayo;**
- **Impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye n'uburambe nibura bw'imyaka itanu (5) mu bijyanye n'umutekano mu gihugu.**

Bikorewe Nyanza ku wa 13/11/2020

N.B : Abakandida babyifuza kandi bujuje ibisabwa barasabwa kuba bagejeje amadosiye yabo mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere bitarenze taliki ya 17/11/2020 saa kumi nimwe (17h00)

NTAZINDA Erasme

Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza

KAJYAMBERE Patrick
V/M - AFFAIRES ECONOMIQUES
DISTRICT NYANZA